**Ijambo rya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga mu muhango wo kwakira indahiro ya *"Deputy Chief Gender Monitor in charge of Mainstreaming"***

***Kigali, ku wa 30 Gicurasi 2022***

Urukiko rw'Ikirenga rwishimiye kwakira indahiro yanyu nk'Umugenzuzi Mukuru wa Gender Wungirije "ushinzwe gushishikariza inzego kwinjiza no kubahiriza uburinganire muri gahunda zazo" (*Deputy Chief Gender Monitor in charge of Mainstreaming*), tukaba tubifurije kuzarangiza neza inshingano zanyu.

Muri uyu mwanya, ni byiza ko twibukiranya ko Igihugu cyacu kiyemeje kuba igihugu kigendera ku mategeko kandi cyubahiriza uburenganzira bw'abenegihugu, nta vangura icyo ryaba rishingiyeho cyose, harimo n'iryaba rishingiye ku gitsina. Igihugu cyacu gifata ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye nk'inkingi ikomeye y'uburenganzira bwa muntu, demokarasi, imiyoborere myiza n'iterambere rirambye.

Muri urwo rwego, hashyizweho amategeko na politiki zitandukanye, hanajyaho n'inzego zishinzwe guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu Gihugu. Ni muri urwo rwego kandi, nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, hashyizweho Urwego rw'Igihugu Rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo (Gender Monitoring Office). Inshingano nyamukuru yarwo ikaba kugenzura iyubahirizwa ry'amahahame y'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Gihugu.

Mu bibazo bikomeye bigomba gukomeza kwitabwaho n'Urwego rufatanyije n'izindi, harimo kugenzura ingamba zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, harimo ihotorwa rikorerwa abagore n'abakobwa n'ibindi bikorwa n'ibyaha bishamikiyeho.

Dukomeze dufatanye twese kugira ngo u Rwanda rukomeze gutera intambwe igaragara mu iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, nk'ipfundo ry'iterambere rirambye kandi rigera kuri bose.

**Mugire amahoro.**